—FDLR—
Forces democratique de liberation du Rwanda
Democratic liberation Forces of Rwanda
Urugaga Ruharanira Demokarasi No Kubohoza U Rwanda
WWW.FDLRABACUNGUZI.COM

## MEMORANDUMU Y'URUGAGA RUHARANIRA KUBOHOZA U RWANDA

## AMATEKA Y'AKARENGANE KU BANYARWANDA N'INZITIZI ZITUMA GAKOMEZA

Banyarwanda banyarwandakazi, hashize imyaka magana ane na mirongo itanu mu Rwanda harangwa n'ukutabana neza, ndetse n'ukutoroherana kw'amoko atuye iki gihugu cy'u Rwanda: Abahutu, Abatutsi n'Abatwa.

Iyo witegereje, usanga ubwoko bwabanye nabi cyane kurusha ubundi ari Abahutu n'Abatutsi kugeza na n'ubu. Iyi mibanire mibi yaranzwe no gufata ubwoko bumwe bugateshwa agaciro, ndetse mu myumvire ya bamwe muri ayo moko ukumva ngo bamwe baremewe gukorera abandi imirimo y'uburetwa, kubaheka n'ibindi, no kwicwa nta nkurikizi. Kubera ko ibyo byamaze igihe kirekire, abantu benshi babifashe nk'aho ari ko Imana yabitegetse. Nyamara washishoza, ugasanga byarazanywe n'abantu bishakiraga ubutegetsi ku nyungu zabo bwite, ari bo usanga, mu by'**ukuri**, bahagarariye ubwoko aho kuba bahagarariye abantu bose. Noneho iyo mpamvu ikababera intandaro yo gukandamiza ubwoko bumwe ku nyungu zabo bwite, nyamara bakerekana ko izo nyungu ari iza bwa bwoko biyitirira, bityo bigatuma bigaragara nk'aho ari ubwoko buri kuyoboresha ubundi uburetwa n'iyicarubozo.

Ibyo rero byazanye urwango rukomeye mu moko atuye u Rwanda, cyane cyane mu Bahutu no mu Batutsi. Ibi bikaba ari yo ndwara iriho kugeza ubu, aho Leta ya FPR isa n'ibereyeho kwihaniza no kumvisha Umuhutu ku buryo yiyibagirwa.Ibyo bigakorwa byitwa ko ari ukurengera Abatutsi, gusa wareba neza ugasanga hari Abatutsi benshi agahinda kishe bakabura uko babigenza.

Banyarwanda banyarwandakazi uyu munsi hari abanyarwanda bakomeje kurimburwa ku mugaragaro cyangwa mu ibanga, bikozwe na FPR n'abo yujujemo **ikinyoma** cyayo. Ikaba yibasira abantu bose, baba Abatutsi batemera amarorerwa yayo, cyangwa Abahutu banze gupfukamira abiyitirira ubwoko bw'Abatutsi.

Nk'uko kera ku ngoma ya cyami byagaragaye ko umuntu ku giti cye yiyemezaga gufata u Rwanda nk'umunani we agomba gusangira n'umuryango we (abámukomokaho), aho umuntu yagombaga gusimburwa n'umwana we cyangwa akitegekera igihugu we n'umugore we, n'ubu ni ko bimeze kuri Kagame na Madamu we.

Uwo mugambi wo kwikubira ubutegetsi ni wo wateje urwango rukomeye hagati y'abari bakwiye guturana no kubana mu mahoro; aho umuyobozi ayobora abanyarwanda mu busumbane n'ivangura, bikagera n'aho byinjizwa mu mategeko agenga igihugu. None ubu FPR ikaba iyoboye u Rwanda muri gahunda yo kumvisha Abahutu, yerekana ko igirira Abatutsi. Nyamara mu by'**ukuri "bamwe barya inka bakajugunyira abo biyitirira amayezi".** Ayo mayezi rero ni yo atwara abanyarwanda bagakomeza kubaho mu rwangano no kurimburwa ku nyungu z'ababiyitirira.

Muri urwo rwango rumaze imyaka irenga magana ane na mirongo itanu (450 ans), ubwoko bw'Abahutu bwarahareganiye cyane kurusha ubw'Abatutsi, kuko akarengane kagiriwe Abahutu muri iyo myaka nta na hamwe kitaweho cyangwa ngo kamaganwe. Ubu noneho Abahutu baricwa bikaba ibirori, dore ko byambutse imipaka y'u Rwanda bigafata n'ibindi bihugu, aho Abahutu b'Abanyarwanda, Abahutu b'Abanyekongo, ndetse n'abandi basa n'Abahutu bishwe maze bakarenga miliyoni esheshatu (6.000.000) nk'uko bigaragazwa mu ma raporo atangwa; urugero: MAPPING REPORT.

Ku ngoma ya cyami mu Rwanda, Abahutu barishwe, barakubiswe, bakoreshejwe uburetwa, babujijwe kwiga n'ibindi...; mu gihe cya FPR noneho byarushijeho:

1. **Ubwicanyi:** kuva kuwa 01 Ukwakira 1990, Abahutu barishwe i KIBEHO, barishwe ku mugaragaro mu makambi y'impunzi, mu makambi Abahutu bahungiyemo muri RDC bararozwe, abo uburozi butarimbuye, ingabo za FPR zabirayemo n'amasasu, abandi zibatwikira mu mazu no mu buvumo mu Rwanda, abandi bapakiwe mu mamodoka bajyanwa kwicirwa ahantu hatazwi n'ibindi....
2. **Uburetwa:** Ingoma ya cyami yari yarashyizeho gahunda yo gukoresha Abahutu uburetwa ku mugaragaro; ubu FPR yo yahisemo gukoresha Abahutu uburetwa ibinyujije mu magereza aho imfungwa zikoreshwa ku gahato ijoro n'amanywa, n'ibindi....
3. **Kubuzwa kwiga:** Ku ngoma ya cyami, Abahutu ntabwo bari bemerewe kwiga, kugira ngo batajijuka bagatekereza kuyobora (kujya ku butegetsi). None ubu ho FPR yahimbye **ikinyoma** ivuga ko umuhutu wese wari warize mu gihe cya Repubulika ari umujenosideri, bityo bagaheza burundu umuhutu wese ujijutse, n'aho ari ho hose. Aha wavuga uti ***"ko ubu hari Abahutu biga?"*** Ntabwo ari izindi mpuhwe ni ukwiyegereza umwana wese w'umuhutu, kugira ngo bamuhume amaso bamwigisha ibinyuranye n'amateka nyayo y'ibyabakorewe mu myaka magana ane na mirongo itanu (450) irenga, FPR yafashe amateka y' u Rwanda iyahera muri 1959. Ubu ikaba yicaye ku ntebe ya Jenoside yakorewe Abatutsi, mu gihe abandi bo bari munsi y'amaguru y'iyo ntebe, aho bagomba gusyonyorwa iteka ntawe ubagirira impuhwe. Jenoside yabaye rero intwaro ikomeye cyane izanarimbura kandi igacecekesha utabonwa wese nk'umututsi, itibagiwe n'umututsi Kagame yita **ikigarasha**.
4. **Ikibabaje kandi giteye agahinda:** Nyuma y'uko FPR ihanuye indege ya Habyarimana, bwa bwicanyi yari yatangiye gushinjwa yabonye uko ibukora neza yitwaje ko iri gutabara Abatutsi, maze ikirara mu Bahutu n'Abatutsi bari mu Rwanda icyo gihe ikabarimbagura; none ubu Leta ya FPR irerekana inzibutso zirimo amagufa, kandi ayo magufa yose bakayita ay'Abatutsi bishwe n'Abahutu: **"Aho Umunyamahanga aza bakamwereka amagufa y'umubyeyi wawe bise umututsi, wa munyamahanga agasohoka mu rwibutso afitiye umujinya umwana w'uwo mubyeyi wishwe cyangwa umuryango we".**

   Ibyo rero ni ubugome bushingiye ku **kinyoma** cya FPR, kugira ngo ibone uko irimbura Abahutu nta we ubarengeye ku isi.

   Muri iki gihe rero **"Umujinya Abahutu bafitiwe ku isi uraturuka ku magufa y'Abahutu bishwe ubu bakaba bitwa Abatutsi, aho babatirijwe mu nzibutso ziri hirya no hino mu Rwanda bitwa Abatutsi, bari basanzwe ari Abahutu".** Aha ushobora kuvuga ko ari ugukabya; nyamara n'ubwo amagufa atavuga, twebwe abazima batarapfa, yaba umututsi cyangwa umuhutu tuzi neza ko yuma y'amagufa asigara umuntu amaze gupfa, hasigara n'amazina yabo: aya nyakwigendera, ay'umuryango we, ay'aho yavukiye n'ibindi....

   Ibyo rero bidufasha kumenya neza no kuvuga ku mugaragaro ko inzibutso zo mu Rwanda ziganje mo amagufa y'Abahutu biciwe ahantu hatandukanye muri iyi myaka makumyabiri ishize. "N**one se ni kuki umuhutu yakomeza guhigwa, kwicwa no gukoreshwa uburetwa biturutse ku mujiya utewe n'amagufa ya bene wabo b'Abahutu bari mu nzibutso?"**

   Muri iki gihe uvuga **ukuri** byitwa ko apfobya Jenoside yakorewe Abatutsi, nyamara uwayipfobeje-ni FPR ku bwo kuvanga amagufa y'Abahutu n'Abatutsi itagamije kubahuza ahubwo igamije kurengera bamwe yibasira abandi:

**Umwana azazira amagufa ya se kugeza ryari? Umugabo azazira amagufa y'umugore we kugeza ryari?** Ibi byago byibasiye Abahutu hatibagiwe n'Abatutsi none ubungubu abanyarwanda barasabwa guhaguruka bose bakabirwanya, bakareka gushukishwa **amayezi** bahabwa na FPR. Abatutsi by'umwihariko bakabirwanya kurusha abandi bose kuko **ikinyoma** cya FPR kigamije kubanganisha n'abandi bantu batuye muri aka karere. Biramutse bitabaye ngo **ukuri** kujye ahagaragara byazasiga urwangano ruruta urw'ingoma ya cyami yasize hagati y'Abahutu n'Abatutsi; kuko ubu ho byaba bifata akarere kanini kandi bose babona umututsi nk'ikibazo bitewe n'inyungu za bamwe muri FPR, cyane cyane Paul Kagame na Madamu we.

Muri iki gihe hari benshi mu batutsi bamaze kubona **ikinyoma** cya FPR bakaba bariyemeje gufata iya mbere mu kukirwanya bafatanyije n'Abahutu b'inyangamugayo n'intwari. Gusa harimo ikibazo ari na cyo cyaduteye gusohora iyi nyandiko.

Iyo witegereje akababaro n'akarengaane kagiriwe abanyarwanda, cyane cyane Abahutu muri iyi myaka irenga magana ane na mirongo itanu, utangazwa n'ukuntu atari benshi bigaragaje nk'intwari mu rugamba rwo kwihesha agaciro no kwikura ku ngoyi y'urupfu bashyizweho. Ese ni ukubera iki?

Iyo urebye amateka yaranze Abahutu mu gushaka kwirengera kwabo, usanga benshi baratangiraga barwanira **agaciro k'Abahutu ariko bagasoza barwanira inda zabo bwite.** Ese ni ko umuhutu aremwe? Ese koko ushaka kumenya amabanga y'Umuhutu ayasanga mu nda ye? Byaba bibabaje ari uko Abahutu baremwe.

Ubu Abahutu bari mu kaga gakomeye, ndetse Abatutsi bakarushaho kuba mu byago bakururirwa n'ibibi FPR ikora ibiyitirira. Ni yo mpamvu hari intwari mu Batutsi biyemeje guhaguruka ngo barwanye ibinyoma bya FPR, bakaba bifuza gufatanya n'Abahutu, ariko ikibazo kikaba inda!

- **"Kuki umuhutu aba intwari gusa iyo arwanira inda ye, akaba ikigwari iyo arwanira agaciro ke n'ak'abandi?**
- **Kuki ubona Umuhutu ari mwiza, ari umugabo, afite ibitekerezo, ukabona mwafatanya, ukamutinyira inda ye gusa?"**

Ibi byose ni ibibazo abashaka gutabara no kurengera Abanyarwanda bari mu kaga bakunda kwibaza, ndetse bikababera inzitizi ikomeye cyane ibabuza kugira icyo bakora, kuko, n'ubwo bagambirira kurengera abarengana, inda igeraho ikabizambya.

- **Kuri iyi si, nta bwoko bwarenganyijwe nk'Abahutu, ariko ikibabuza kurenganurwa nta kindi ni inda;**
- **Ukuri baragufite ariko bafite n'inda.**

Aya magambo yose agenda avugwa ni yo atuma abifuza kurimbura Abahutu batagira ubwoba, kuko babona nta nkurikizi bashobora kuzagira. nk'uko hadutse umugani uvuga ngo **"Ndenganye Abahutu ndengerwe n'inda yabo"**.

Banyarwanda Banyarwandakazi, mu gihugu cy'u Rwanda habaye akaga gakomeye k'irimburwa ry'abarutuye, ndetse birakomeza byambuka n'imipaka, aho abarenga miliyoni icumi (10.000.000) bamaze kubigwamo, baba Abanyarwanda cyangwa Abanyamahanga, utabariyemo abishwe ku ngoma z'Abami zabayeho kera. Igiteye ubwoba ariko, ni uko bikomeje, kandi ibyo bigakorwa amahanga n'imiryango itandukanye bibifata k'ibintu bitagatifu bitewe n'ibinyoma FPR igenda ikwiza ku isi hose.

Nta kindi rero gishobora guhagarika ubwo bwicanyi n'uko kubiba urwango mu Rwanda no mu Karere, uretse kugira ubutwari mu kugaragaza **ukuri**:

- ★ Turasabwa rero kurwanira uko **kuri** twivuye inyuma, buri wese agaharanira agaciro ke n'akabandi, aho kurwanira inda yuzuyemo umunuko.
- ★ Twereke abashaka kudufasha kuva mu kaga turimo ko ibitekerezo n'imigani bisenyukira mu mara no mu bifu byacu.

Umuntu w'intwari agaragarira mu kwitangira abandi. Nta we ugaragariza ubutwari mu kurwanira inda ye. Byaba biteye isoni n'ikimwaro hagaragaye ibigwari muri uru rugamba rwo kurengera Abanyarwanda biturutse ku nda gusa, n'ubwo hari benshi inda imaze kwambura imidari y'ubutwari aho uwari ku isonga mu kurwanya akarengane, ubu ashobora guhangara akavugira ku bitangazamakuru ko ibyo kurwanira abarengana yabiretse, maze bakamuha ingurube cyangwa inka.

Amamiliyoni y'abantu bamaze kwicwa, ndetse bikaba bigikomeje, ntabwo bazize ko batagira ingurube n'inka cyangwa amazu, ahubwo icyo bazize ni politiki z'ubugome n'ibinyoma tugomba guhagurukira twese tukazirwanya. **"Icyo turwanira kirumvikana, kandi hizewe intsinzi. Gusa, imbere aha hari urukuta (obstacle) rukomeye tugomba kurenga tugakomeza urugamba. Urwo nta rundi ni inda!"**

Banyarwanda banyarwandakazi duhaguruke twese turwanye akarengane n'urwangano byagwiririye u Rwanda; tugaragarize abantu bose **ukuri** twamagana **ikinyoma** kiturimbura .

Twerekane kandi ko atari ko turemye mu bijyanye no kuneshwa n'inda muri byose, kandi intwari zikomeze ubutwari zitagamburuzwa na yo, kuko **"umwanzi nta mbaraga afite, umwanzi ni inda zacu!!!!!"**

Bikorewe i Walikale kuwa 03 Werurwe 2015

BYIRINGIRO Victor

Jenerali Majoro

Perezida w'agateganyo wa FDLR